1 & 2 ABAKORINTO

MBC Isomo #11

Igitabo Cyifashishwa n'Umuyobozi

Muyobozi w'Iniyigisho za Bibiliya,

"Bene Data, ibyerekeye impano z'Umwuka sinshaka ko mutabimenya. Muzi yuko mukiri abapagani mwayobywaga mukajya ku bigirwamana bitabasha kuvuga, uko mwabijyanywagaho kose." (1 Abakorinto 12:1-2)

Buri torero rigira ibibazo byaryo, kandi itorero ry'Ikorinto ryo mu kinyejana cya mbere ryari rifite ibibazo byinshi: amacakubiri, ubusambanyi, kunywa inzoga, ishyari, ubwibone, inyigisho mbi, abanyetorero kurwana ndetse no kuregana mu nkiko. Ikibazo cyose watekereza, itorero ry'Ikorinto ryari rigifite.

Icyiza nuko hari ibyanditswe byera aho Pawulo ayobora iri torero mu buryo bwo gukemura ibyo bibazo. Mu gihe cy'amezi atatu akurikirana, tuziga kuri ibi bitabo, 1 na 2 Abakorinto maze twige inyigisho nziza kandi zikeneye cyane mu itorero ry'iki gihe, tuzigira ku makosa yo muri iri torero ryo mu kinyejana cya mbere. Twiga ndetse tubona amakosa yo muri Korinto, tuzabona ko adatandukanye n'ayo mu matorero yacu yo muri iki gihe.

Hari ukutumvikana kwinshi ndetse n'inyigisho z'ibinyoma mu matorero yacu muri iki gihe biterwa n'abadasobanukiwe neza ndetse badashyira mu bikorwa iby'Imana itwigisha muri ibi bitabo bitoya bibiri, niyo mpamvu ngira ngo ngufashe kumenya inama yagiwe na Pawulo ayobowe n'Umwuka w'Imana. Tuzamenya ukuri gukomeye cyane ndetse n'ibisubizo by'ibibazo byo mu buzima bwacu, imiryango yacu n'amatorero yacu. Izi nzandiko ebyiri zanditswe n'umushumba zitandukanye n'urwandiko rw'imyizerere mizima rw'Abaroma kandi izi nzandiko ziroroshye kuzisobanukirwa.

Nishimiye ko dushobora gufatanya kwiga iri sesengura ry'Isezerano Rishya, cyane ibi bitabo byombi bya 1 na 2 Abakorinto. Tuzibanda ku bibazo by'ingenzi ndetse n'ibisubizo bitangwa. Twiga ndetse tuyobora abandi muri izi nzandiko za Pawulo, turagira ngo dushake ubutumwa dukura mu butumwa bwiza bw'Imana twashyira mu bikorwa mu buzima bwacu. Twiga ndetse twigisha abandi biradusaba ngo tubikore dusenga ndetse dushaka ibisubizo by'Imana by'ibi bibazo:

- Ijambo ry'Imana rivuga iki?
- Iki cyanditswe gisobanuye iki? (Gusesengura)
- Iki cyanditswe kimbwiye iki? (Gusobanura)
- Iki cyanditswe kimbwiye iki ndetse kibwiye iki abo

nyoboye? (Gushyira mu Bikorwa)

Icyo ngusabira ni uko izi nyigisho zagufasha wowe n'abo uyobora **kujya mu ijambo ry'Imana ndetse n'ijambo ry'Imana rikabajyamo**. Iyo wemereye imbaraga z'ijambo ry'Imana gukoreshwa n'imbaraga z'Umwuka w'Imana gutegeka ubuzima bwawe, umuryango wawe, n'itorero ryawe, nibwo ubona urukundo rwayo ndetse n'ubuntu bwayo bukomeye. Ndagusengera ngo urimo kwiga iri jambo ry'Imana ukure mu bumenyi no kwizera kandi umenye Yesu n'imbaraga, n'amasezerano, n'ibyiringiro ufite ubihawe no kuzuka kwe.

Dick Woodward
Umushumba n'Umwanditsi w'Inyigisho z'Ishuri Rito rya Bibiliya.

KUYOBORA ITSINDA RYIGA BIBILIYA

Ishuri Rito rya Bibiliya ryateguye iri sesengura ry'ibitabo by'ibanze bya Bibiliya. Inshingano yawe nk'umuyobozi ni ukuyobora itsinda uyobora kugira ngo ryige izi nyigisho kandi rikore n'imikoro, ubafasha gusobanukirwa ukuri, kumenya amahame azahoraho iteka ryose, kandi icy'ingenzi cyane, bakabishyira mu bikorwa mu buzima bwabo. Iri n'isesengura ry'inyigisho rizafata amezi agera kuri ane kandi yagenewe kutaba isomo gusa. Iyi nyigisho ni igice cy'igena migambi ryo kuguha ibikoresho byo kukwigisha no kugukuza ndetse no gufasha itorero ryawe gukura mu mwuka no kwiyongera kw'abantu.

Kugira ngo tugufashe, tuguhaye ibi bikoresho:

- Uyu muyoboro w'umuyobozi
- Forumireri za raporo
- Amajwi y'Itangiriro no Kuva
- Agatabo mfashanyigisho k'Itangiriro no Kuva
- Ibitabo 10 bifasha abigishwa

Iki gitabo Gifasha Umuyobozi cyagenewe kugutegurira iyi nshingano.

GUTANGIRA

Mbere y'isomo

- *"Nuko mujye mu nzira nyabagendwa, abo muri buboneyo bose mubahamagare baze batahe ubukwe. Abo bagaragu barasohoka bajya mu nzira, bateranya abo babonye bose, ababi n'abeza, inzu yo gucyurizamo ubukwe yuzura abasangwa."* (Matayo 22:9-10). Tangira utumira abantu kuza muri iki kirori cy'umwuka.
- Itegure usengera abari bwitabire. Nibigushobokera ubasengera uvuga izina rya buri umwe. Imana yonyine niyo yahindura imitima y'abantu, kandi isengesho nicyo gikoresho gikomeye cyane. *"Abacira umugani wo kubigisha ko bakwiriye gusenga iteka ntibarambirwe."* (Luka 18:1)
- Shaka abagufasha. Ntugerageze gukora byose wenyine. Shaka umuntu umwe cyangwa babiri bagufasha kuririmba, gucuranga, kwakira no kwicaza abantu, no kwandika abitabiriye.
- Usesengure inyigisho maze usobanukirwe intego yayo.

Imenyereze iyi nyigisho; uyumve, uyisome, kandi usome buri nyigisho ndetse ufate mu mutwe ibyanditswe birimo byose mbere y'uko isomo ritangira.

- Witondere kumenya ko ibikenerwa yose bihari mbere y'uko buri somo ritangira.
- Urebe niba icyumba cyo kwigiramo gihagije kandi giteguye neza mbere y'uko isomo ritangira.

Isomo ririmo gutangwa

(Witondere kumenya ko isomo ritarenza isaha imwe n'igice)

- Wakire kandi usuhuze buri muntu wese uza. Uribuka ukuntu ari byiza iyo wakiriwe? Akira abantu bose mu izina ry'Imana. Ugire umuntu ushinga kwakira abantu kandi uhuze abantu niba badasanzwe baziranye.
- Mujye mutangirana kuramya no gusenga Imana, musaba Imana kugira ngo ibafashe gusobanukirwa no gushyira mu bikorwa ijambo ry'Imana mu buzima bwanyu.
- Muvuge icyanditswe mutagisoma muri Bibiliya.
- Mwumve inyigisho y'amajwi.
- Mukoreshe igitabo cyunganira inyigisho kandi cyandikwamo, usaba abantu ngo babiganiremo intego ari

ugushyira mu bikorwa. Twizeye ko ibibazo biributume

- hababo ikiganiro cyiza ndetse no gusobanukirwa bituma hababo gushyira mu bikorwa ibyizwe. Iba itsinda rirenze abantu icumi, byaba byiza uriciyemo amatsinda matoya y'abantu nka batatu cyangwa bane kugira ngo habeho ibiganiro byiza. Ukomeze kugenzura igihe kandi witwararike kugira ngo ikiganiro kidatambikira kikava ku nsanganyamatsiko y'inyigisho ndetse no kwiga ijambo ry'Imana.
- Ushimire abantu bose ko bitabiriye kandi ubashishikarize kuzaboneka mu isomo ry'ubutaha.
- Ubashishikarize gutumira abandi kuzaza kwiga Ijambo ry'Imana.
- Ubashishikarize gufata mu mutwe ibyanditswe byo mu isomo rya buri cyumweru.

Nyuma ya buri somo

- Kusanya ibitabo by'inyigisho byose.
- Tegura icyumba neza. Usige icyumba gisa neza kurusha uko wasanze hasa.
- Andika muri forumireri za raporo kandi uzibike.

Niba murimo guteranira mu rugo rw'umuntu, ufata

- umwanya umushimire ko yabakiriye iwe.

Amabwiriza y'umwihariko yo kwigisha abigishwa badasoma kandi batandika, ahubwo bumva.

Ni ingenzi kuzirikana abadashobora gusoma no kwandika kandi bakabika ubumenyi bitandukanye natwe abize. Abakoresha amatwi gusa iyo biga, biga batega amatwi kandi bavuga ibyo bumvise. Kutiga ntabwo yari imbogamizi mu gihe cya Yesu. Ni byiza kwibuka ndetse tukabwira abari mu ishuri ryawe ko abenshi mu bigishwa ba Yesu ndetse n'abenshi mu bantu ba mbere bamamaje ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo batari bazi kwandika no gusoma.

Hari ukuntu abantu bakoresha amatwi kwiga bafite ubushobozi bukomeye bwo kwiga ibyo bumva kurusha twebwe abagomba kugira icyo twandika kugira ngo tuzashobore kwibuka. Nuko rero, ugomba gufata igihe ukemerera abigishwa kumva inyigisho n'ibyanditswe bafashwe ku majwi, muhagarika ndetse munasubiza inyuma kugira ngo murusheho gusobanukirwa igice mutasobanukiwe, maze unabahe

umwanya wo gusubiza ibibazo. Iyo abiga bakoresheje amatwi gusa bashoboye gusubiramo ibyo bumvise kandi bize mu magambo yabo, biba bivuze ko basobanukiwe amahame neza. Nuko rero, ugomba gukoresha ibibazo byagennwe kugira ngo uyobore icyo gihe cyo kwiga kuko bifasha mu gikorwa cyo kwiga. Ugomba kubaza ibibazo uvuga cyane kandi ugashishikariza buri wese gufatanya n'abandi. Ibi bizaafasha gusobanukirwa ijambo ry'Imana mu buryo bwimbitse ndetse no kugirana ukomeye n'Umwana w'Imana, Yesu Kristo.

Gukosora n'Imbaraga muri Korinto

Igice cya 1
Inyigisho y'Amajwi: Isezerano Rishya #44

Intego: Gutangira no gutanga incamake y'urwandiko rwa mbere Pawulo yandikiye Abakorinto ndetse no gusobanukirwa ingingo nyamukuru zirugize.

"Ituma mutagira impano yose mubura, mutegereza guhishurwa k'Umwami wacu Yesu Kristo. Ni we uzabakomeza kugeza ku mperuka, kugira ngo mutazabaho umugayo ku munsi w'Umwami wacu Yesu Kristo. Imana ni iyo kwizerwa, yabahamagariye gufatanya n'Umwana wayo Yesu Kristo Umwami wacu. Ariko bene Data, ndabingingira mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo kugira ngo mwese muvuge kumwe, kandi he kugira ibice biremwa muri mwe, ahubwo muhurize hamwe rwose muhuje imitima n'inama, kuko bene Data nabwiwe ibyanyu n'abo kwa Kilowe, yuko habonetse intonganya muri mwe." 1 Abakorinto 1:7-10

Urwandiko rwa mbere Pawulo yandikiye Abakorinto ni urugero rwiza rw'inzandiko Pawulo yandikiye amatorero yashinze mu gihe yagendaga abwiriza ubutumwa bwiza. Kimwe n'izindi nzandiko zahumetswe n'Umwuka w'Imana, urwandiko rwa mbere Pawulo yandikiye Abakorinto rwandikiwe itorero yari azi neza, kugira ngo akemure kandi yigishe ndetse akomeze abizera mu kwizera kwabo n'ukwacu.

Ibice cumi na kimwe bya mbere bya 1 Abakorinto bivuga ibibazo Pawulo yari azi byugarije itorero. Ibi bibazo byatambamiraga gukura kwabo ko mu mwuka ndetse no guhamya kwabo, nk'itorero ryo mu murwa w'Ikorinto. Ibice bine bya nyuma nibyo bice by'uru rwandiko bitanga ibisubizo by'ibibazo byari mu itorero. Iyo tuganiriye kuri ibi bibazo n'ibisubizo Pawulo atanga, tumenya uko twakemura ibyo bibazo iyo bigaragaye mu matorero yacu muri iki gihe.

1. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Pawulo yandikira Abakorinto yandikiraga itorero yari atarigera asura.
2. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Itorero ry'Ikorinto ryari rimwe mu matorero make yo mu Isezerano Rishya ataragiraga ikibazo na kimwe muri yo.
3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Urwandiko rwa mbere Pawulo yandikiye Abakorinto rurimo inyigisho n'inama z'umushumba.
4. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Ubwoko bw'ibibazo dufite mu matorero yacu muri iki gihe ntaho butandukaniye cyane n'ubwoko bw'ibibazo byari mu itorero ry'Ikorinto.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe gusa cya buri kibazo.

5. Abakristo b'i Korinto bari bantu ki?
   a. Bari itsinda ritoya ry'abatizera barimo kugenzura ubutumwa bwiza.
   b. Bari abizera bateraniraga mu rugo rw'umuntu buri gihe.
   c. Bari abantu benshi bateranira mu nyubako nini.
   d. Itera ry'abera rifite inzego zikomeye z'ubuyobozi.
6. Pawulo yamenye ate ibibazo byari mu itorero ry'i Korinto?
   a. Yajyaga atega amatwi amazimwe yabwirwaga n'abantu benshi.
   b. Umwuka Wera yarabimuhishuriye.
   c. Abantu b'i Korinto bamubwiye ibyari bibababaje.
   d. Yabyiboneye n'amasi ye kuko yabaga i Korinto.
7. Ni iki bivuze "kwezwa", ijambo Pawulo yakoresheje avugana n'Abakorinto?
   a. Kutagira icyaha no kuba umutagatifu.
   b. Kuba umwunyamwuka kurusha benshi.

c. Gutoranyirizwa gukoreshwa n'Uwiteka.
d. Kuba waranyuze mu mihango yo guhinduka yose.

8. Abakorinto bari bafite bibazo ki? (Hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byose)
a. Bari baracitsemo ibice.
b. Bagiraga abashumba benshi.
c. Bari abakene cyane.
d. Bamwe muri bo bakoreraga ibyaha ku mugaragaro.
e. Bakemuraga ibyaha mu buryo bubi cyane.
f. Bareganaga mu nkiko.
g. Batesheje agaciro igaburo ryera.
h. Bari boroheje cyane kubuyro banze kuvuga ko bafite impano z'umwuka.
i. Impano z'umwuka zabateye ubwibone ndetse bazikoresha uko bitagenwe.

9. Pawulo yavuze ko ari iyihe myumvire y'ingenzi kurusha iyindi mu gukoresha impano z'umwuka?
a. Ishyaka
b. Urukundo
c. Kwitwara neza
d. Kumaramaza

10. Pawulo yavuze ko imbaraga zakemura ibibazo byo mu itorero ari izihe?
a. Imbaraga z'umuzuko wa Yesu, ari zo zidushoboza kubaho mu buryo bushya.
b. Imbaraga zo gutekereza neza.
c. Imbaraga z'amategeko Imana yaduhereye mu Isezerano rya Kera.
d. Imbaraga z'amategeko agenda sosiyete.

Ni ibihe mu bibazo byo mu mwuka byari bifitwe n'Abakorinto nawe ufite? Umubano wacu na Yesu n'imbaraga z'muzuko we bidufasha bite kunesha ibyo bibazo?

_____
_____
_____

Dushimire Imana ko Umwuka We yaduhaye imbaraga n'ibisubizo by'ibyifuzo bikomeye by'imitima yacu. Yisabe ikuzuzemo urukundo rwayo n'imbaraga z'umuzuko uko uyiringira ndetse ushaka kuyikurikira buri munsi. Yisabe ngo iguhe umugisha usoma ijambo ryayo wiga ku 1 na 2 Abakorinto.

Kujya Imuhengeri

1. Vuga ndetse usobanure uko ibisubizo by'ibibi bibazo Pawulo yatanze mu itorero ry'i Korinto byaduha ibisubzo twakoresha nk'abashumba, tugerageza gukemura ibi bibazo mu matorero yacu.

_____
_____

_____

2. Byiyongeye kuri ibi bisubizo by'ibibazo by'umuntu ku giti cye, vuga ndetse usobanure uko urukundo, nk'uko ruvugwa mu gice cya 13, ari gisubizo rusange cy'ibi bibazo byose.

_____
_____
_____

3. Vuga kandi usobanure icyo Pawulo yari ashatse kuvuga ubwo yavugaga koi bi bibazo byose byari mu itorero ry'i Korinto byaterwaga na kamere, mu gice cya 12, avuga ko azabaganiriza ku bntu byo mu mwuka byo mu itorero ryacu.

_____
_____
_____

4. Vuga ndetse usobanure ibintu byose byo mu mwuka avuga muri uru rwandiko bigaragara ko ari ibisubizo byahumetswe abwira iri torero muri uru rwandiko rwahumetswe n'Umwuka w'Imana.

_____
_____
_____

5. Vuga ndetse usobanure uko imbaraga z'umuzuko ari kimwe mu bisubizo rusange by'ibi bibazo.

_____
_____
_____

6. Nyuma yo kutuzamura akatugeza ku rwego rw'imivugire myiza ihumetswe n'Imana nk'uko tubisanga mu kiganiro yatanze ku muzuko mu gice cya 15, mbese ubu yaba ahinduye umutwe w'amagambo byihuse cyane, cyangwa hari ikindi kintu cyo mu mwuka avuga iyo yanditse ati, "*Ibyerekeye ibyo gusonzoranyiriza*," ku murongo wa mbere w'igice cya 16? Sobanura.

_____
_____
_____

7. Vuga kandi usobanure igisubizo nyamukuru cy'ikibazo cya mwene Data ufite intege nke ndetse n'ikibazo cyo kurya inyama zaterekerezwaga ikigirwamana kivugwa mu bice bya 8-11.

_____
_____
_____

Ese Kristo yaciwemo ibice?

Igice cya 2
Inyigisho y'Amajwi: Isezerano Rishya #45

Intego: Kumenya amabwiriza Pawulo yahawe Abakorinto yerekeye ku macakubiri yari mu itorero n'ukuntu twamenya ukuri ko mu mwuka.

"Ariko bene Data, ndabingingira mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo kugira ngo mwese muvuge kumwe, kandi hekugira ibice biremwa muri mwe, ahubwo muhurize hamwe rwose muhuje imitima n'inama."
(1 Abakorinto 1:10)

"*Mbese ni nde mu bantu wamenya ibyo undi atekereza, cyeretse umwuka wa wawundi umurimo, n'iby'Imana ni ko biri, nta wabimneya keretse Umwuka wayo. Ariko twebweho ntitwahawe ku mwuka w'iyi si, ahubwo twahawe uwo Mwuka uva ku Mana, kugira ngo tumenye ibyo Imana yaduhereye ubuntu.*" (1 Abakorinto 2:11-12)

Ikibazo cya mbere Pawulo abwira Abakorinto muri uru rwandiko cyari ikibazo cyo kwirema ibice. Abizera Yesu bacitsemo ibice bishingiye ku mukuru wo mu itorero ryabo. Igenzura ry'abizera bagenzura abayobozi babo ryari rishingiye ahanini ku wari warabayoboye kuri Kristo cyangwa uwari warababatije. Ariko niba Kristo aba mu mitima y'abizera bose, ubwo bagomba kwemeranya ku ngingo fatizo zerekeye kuri Kristo kandi bagomba kumenya ko Kristo adacikamo ibice kuri izo ngingo. Ubutumwa bwa Pawulo nyamukuru ni uko tugomba gukurikira Kristo, ntidukurikire abantu.

Pawulo yigishije ko Umwuka w'Imana wenyine ari we wigisha umuntu iby'umwuka. Ntabwo twamenya ukuri ko mu mwuka binyuze mu maso, mu matwi cyangwa mu mutima gusa. Tugomba kumenya ukuri k'umwuka tukumenyeshejwe n'Umwuka Wera. Abanyamwuka bahawe Umwuka w'Imana, kandi uwo Mwuka aduha ubushobozi bwo kumenya no gusobanukirwa ibitekerezwa n'Imana.

1. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Itorero ry'i Korinto ryari ryariremyemo ibice kandi ryahoragamo kutumvikana.
2. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Ishingiro ry'ubumwe mu

Bakristo ni uko abizera bose bafitanye umubano na Kristo, Umwuka we aba muri abo bamwizera.

3. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Pawulo yavuze ko ari we muyobozi w'itorero nyakuri, abandi bose bagomba kumukurikira.
4. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Pawulo yemeje Abakorinto ukuri akoresheje amagambo menshi y'ubwenge.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa gutanga igisubizo kimwe kuri buri kibazo.

5. Dushingiye kubyavuzwe na Pawulo, ni iki gisabwa kugira ngo umuntu ahabwe agakiza?
   a. Umubatizo
   b. Ubwenge
   c. Ubumwe
   d. Kwizera ukuri k'ubutumwa bwiza.
6. Dushingiye kubyanditswe na Pawulo, ikintu cy'ingenzi kugira ngo umuntu akure mu mwuka ni ikihe?
   a. Gukora imihango no gukora imirimo myiza myinshi
   b. Kugira ubuhanga
   c. Kugira ubuyobozi bukomeye
   d. Kwemera ukuri k'ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo
7. Ni gute ubutumwa bwiza bubwirizwa neza?
   a. Hakoreshejwe amagambo akomeye cyane
   b. Hakoreshejwe ubwenge bwinshi
   c. Buvugwa n'umuntu utinyuka kandi ushira amanga
   d. Mu mbaraga z'Umwuka Wera
8. Urufunguzo rwo kumenya ukuri kw'Imana ni uruhe?
   a. Ikuduhishurira ikoresheje Umwuka wayo.
   b. Tugusobanurirwa n'ababwirizabutumwa b'intyoza.
   c. Tugomba gusoma cyane ngo tukumenye.
   d. Tugomba guhugurwa binyuze mu gutekereza.
9. Kuki bidashobokera abantu gusobanukirwa iby'Umwuka mu buryo bworoheje?
   a. Imana ihitamo guhishurira ukuri kwayo abantu bakeya.
   b. Ntabwo turi abahanga bihagije.
   c. Umwuka w'Imana wenyine niwe ushoboye gukingura imitima n'ibitekerezo by'abavutse ubwa kabiri kugira ngo bashobore kumenya iby'Umwuka.
   d. Birashoboka ariko abantu benshi ntabwo bagira ukwihangana cyangwa ubushake bwo kwiga.
10. Ni nde mwigisha mwiza cyane watwigisha?
    a. Pawulo n'inzandiko ze
    b. Umushumba wacu
    c. Umwuka Wera
    d. Umutima nama wacu
11. Duhabwa dute inyigisho z'Umwuka Wera?
    a. Binyuze mu kumara imyaka myinshi wiga.
    b. Binyuze mu kuvuka ubwa kabiri maze tukamusaba ngo atwigishe.
    c. Binyuze mu merekwa no kugendererwa n'abamarayika.
    d. Binyuze mu gutekereza cyane.
12. Pawulo avuga bantu ki mu 1 Abakorinto? (Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose)
    a. Abadakijijwe
    b. Abakijijwe
    c. Ababikira n'abapadiri
    d. Abakirisitu bayoborwa na kamere
    e. Abajyanama

Wari wigera usaba Umwuka Wera kukubera umwigisha? Ni iki ukenereye kwigishwa n'Umwuka Wera? Utekereza ko ubuzima bwawe bwahinduka bute uramutse wumviye ibyo aguhishurira buri munsi?

_____
_____
_____

Dushimire Imana ko ukuri kwayo kwabonwa n'uwizeye wese kandi ko iduha Umwuka wayo kugira ngo dusobanukirwe ijambo ryayo, ubushake bwayo, n'inzira zayo. Senga kugira ngo Umwuka Wera aguhumure amasokandi akwigishe ndetse akuyobore uko ukomeza kumukurikira umwumvira.

Kujya Imuhengeri

1. Igihe Pawulo yarimo kugerageza gukemura ikibazo cyo kurobanura mu bayobozi cyari cyugarije abakristo bo muri Korinto, vuga ndetse usobanure icyatumye yandikira abo yahisemo kwandikira.

   _____
   _____
   _____

2. Vuga kandi usobanure uburyo ikibazo cyo mu 1:13 kigira kiti "Mbese Kristo yagabanijwemo ibice?" ari igisubizo cyiza cyane cy'iki kibazo.

   _____
   _____
   _____

3. Ni gute tugomba gushyira mu bikorwa uburyo Pawulo yicishaga bugufi mu gice cya 1 no mu gice cya 2, iyo dutangiye itorero, iyo tuyobora abantu kuri Kristo, ndetse n'iyo duhindurira abantu kuba abigishwa ba Kristo?

   _____
   _____
   _____

4. Ni iki ababwira mu gice cya 2 n'icya 2 cyerekeye ku kuntu ubutumwa bwabwirijwe ndetse bwemewe cyabigisha kutamwirundaho?

   _____
   _____
   _____

5. Mu gice cya 2, Pawulo yandika ko yari kumwe nabo mu bwoba bwishi ndetse no guhinda umushyitsi. Pawulo yari afite ubwoba bw'iki?

   _____
   _____
   _____

6. Vuga mu ncamake ndetse ugaragaze icyo Pawulo yigisha, cyane cyane mu gice 2:9-16, cyerekeye ku kuntu Umwuka

Wera atwigisha ukuri ko mu mwuka.

_____
_____
_____

7. Ubirebeye muri gahunda y'imyumvire y'uburezi, Pawulo avuga ko twigira mu irembo ry'amaso, irembo ry'amatwi, irembo ry'umutima, n'irembo ry'umwuka. Vuga kandi usobanure aya marembo ayo ari yo igihe twiga cyangwa twigisha ukuri ko mu mwuka.

_____
_____
_____

Urukundo Ruhana

Igice cya 3

Isomo ry'Amajwi: Isezerano Rishya #46

Intego: Kumenya amabwiriza ya Pawulo yahaye Abakorinto yerekeye ku bayobozi bo mu mwuka, gucira abandi imanza, n'uburyo bwo gukemura ikibazo cy'ibyaha mu itorero.

"*Ni cyo gituma mudakwiriye guca urubanza rw'ikintu cyose igihe cyarwo kitaragera kugeza ubwo Umwami wacu azaza agatangaza ibyari byahishwe mu mwijima, kandi akagaragaza n'imigambi yo mu mitima. Ubwo nibwo umuntu wese azahabwa ishimwe rimukwiriye."* —1 Abakorinto 4:5

"Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z'Umwuka Wera uri muri mwe, uwo mufite wavuye ku Mana? Kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge." —1 Abakorinto 6:19-20

Abakorinto benshi bakundaga Pawulo cyane kurusha abandi bakuri bo mu itorero ryabo. Ariko Pawulo yababwiye ko kumushyira hejuru bakamurutisha abandi ari nta cyo byari

bimubwiye, kuko nawe ubwe yumvaga adakwiriye kwishyira hejure, uretse no kwemera gushyirwa hejuru n'abandi. Ubwo umutima w'umuntu ubusanzwe uba mugari kurusha ubumenyi afite, Pawulo yatubwiye ko ibyo gucira urubanza umutima w'umuntu tubirekera Uwiteka.

Bibiliya ntabwo yigisha ko tutagomba gucira imanza abantu kubw'impamvu runaka. Hari ubwo biba ngombwa ko ducira imanza abakomeza kugendera mu byaha. Ni inshingano yacu nk'abagize umuryango w'Imana kugira ngo ducyahe abikomeretsa ubwabo cyangwa bakomeretsa abandi bo mu mubiri wa Kristo. Gucyaha mwene so muri Kristo birakomera ariko ni ingenzi. Intego yacu yo kubasubiza mu mubano n'Umwami ndetse n'umubiri wa Kristo igomba kuba kumufasha gusobanukirwa kumenya ko ibyo arimo gukora birimo kumukomeretsa we bwite ndetse n'abandi. Umugambi wacu wo kumucyaha ugomba guhora ari urukundo kandi tugamije kumufasha guhaguruka.

1. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Pawulo yatangiye urwandiko yandikiye Abakorinto atanga ibisubizo rusange maze arangije akemura ibibazo hafi y'umusozi w'urwandiko.
2. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Impano z'Umwuka nizo ziduhamiriza ko Umwuka Wera ari kuri twe, maze urukundo rukaba ari rwo ruduhamiriza ko Umwuka Wera ari muri twe.
3. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Abakorinto nta kibazo bigeze bagira cyerekeye ku kuzuka kwa Yesu Kristo.
4. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Kwizera kwa Gikristo gukomoka ku ntumwa.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

5. Ni gute tugomba gufata abayobozi bo mu mwuka?
   a. Nk'abafite ubushobozi bukuru cyane mu buzima bwacu.
   b. Nk'abagaragu b'Imana ndetse nk'ibisonga by'ubwiru bw'Imana.
   c. Nk'abantu Imana ikunda kuruta abandi.

d. Nk'abantu bera ndetse baboneye cyane kuruta abandi.

6. Iyo Abakrito bashyize hejuru cyangwa barutishije abayobozi bamwe abandi, ibyo bivuze iki ku bukure bwabo bwo mu mwuka?
   a. Baba bameze nk'impinja zo mu mwuka- baba bakiri abana cyane.
   b. Baba bashoboye kugenzura no gutandukanya abigisha bazima n'ab'ibinyoma.
   c. Ntabwo baba baramenye Yesu cyangwa ngo buzure Umwuka Wera.
   d. Baba barimo gukura mu mwuka kugera ku kigero cy'umuyobozi bakurikira.
7. Ni gute abakozi b'Imana baba abayobozi b'umwuka bakora neza?
   a. Biga amashuri ahagije.
   b. Binyuze mu mpano bahawe n'Imana.
   c. Batowe na benshi
   d. Binyuze mu gutsindira ubushobozi bwe ku bandi.
8. Umukristo agomba gucira bandi bantu imanza ate?
   a. Ntabwo tugomba gucira abantu imanza uko byagenda kose.
   b. Tugomba gucira imanza abadakiranuka cyane nkatwe bonyine.
   c. Tugomba gucira urubanza icyaha ntitucyemere mu iteraniro, ariko ntabwo tugomba gucira imanza ibyo abantu bagambirira mu mitima yabo.
   d. Dufite imitekerereze ya Kristo, ubwo rero dufite uburenganzira bwo gucira urubanza umuntu wese kuri buri kintu dushatse.
9. Dushingiye ku rwandiko Pawulo yandikiye Abakorinto, ubona kwizera kwacu kugomba guhindura ingeso zacu mu buhe buryo?
   a. Kwizera Yesu guhindura imitima yacu ariko ntabwo guhindura imyitwarire yacu.
   b. Kwizera Yesu bituma dushaka gukiranuka ariko ntabwo byadushoboza kubaho dukiranutse.
   c. Kwizera Yesu bigomba guhindura imitima yacu, imitekerereze yacu, ndetse n'ingeso zacu kugira ngo dutere umugongo icyaha cyacu.
   d. Kwizera Yesu bitumwa dutungana burundu kuburyo tutakongera gukora icyaha.
10. Ni gute Abakristo bagomba gukemura ikibazo cy'icyaha kigaragara mu itorero kandi gikorwa bigambiriwe?
    a. Tugomba gukunda cyane abakomeza kuba mu byaha ndetse kuburyo twabahangara tukabashishikariza kwihana.
    b. Ntabwo twemerewe kugira umuntu ducira urubanza, ubwo rero ntacyo twemerewe gukora igihe abandi bakristo bacumuye.
    c. Tugomba kumenya igihe abandi Bakristo bakoze icyaha maze bakabwira ibyaha byabo abantu bose tuzi.
    d. Tugomba kwitandukanya n'abakristo bakora utwaha dutoya cyangwa se bacumura rimwe cyangwa kabiri barangiza bakihana.
11. Tugomba kugira myumvire ki tuganiriza umuntu ku cyaha yakoze?
    a. Umujinya
    b. Ishyari
    c. Kumwiyemeraho
    d. Urukundo

Ni mubihe bice by'ubuzima bwawe utekereza ko ukeneye gukura cyane nk'umukristo? Umwuka Wera yagufasha ate muri ibyo bice? Ni gice ki cy'ubuzima bwawe usaba Umwami kugira ngo agufashemo muri iki cyumweru?

_____
_____
_____

Dushimire Imana kubw'abayobozi bo mu mwuka Imana yaguhaye. Yisabe igufashe gukomeza gukura kugira ngo ugere ku kigero cyiza cy'ubukure bw'imitekerereze yawe, umutima wawe n'imirimo yawe muri Kristo.

Kujya Imuhengeri

1. Twakwisanisha dute ndetse tugashyira mu bikorwa inyigisho ya Pawulo yo mu gice cya 4 y'uko ari nta kintu tugomba gucira urubanza kugeza ubwo Umwami wacu azagarukira, maze mu gice cya 5 agacyaha itorero ry'Ikorinto kubwo kudacira urubanza umugabo wakoraga ibyaha?

   _____
   _____
   _____

2. Vuga kandi ubwoko bubiri bwo gucira abantu imanza nk'uko bugaragarira mu bice bya 4 na 5.

   _____
   _____
   _____

3. Ni Umwami azakora nagaruka kizatuma abantu nka Pawulo, wowe na njye bazacirwa imanza zibereye cyangwa zitabereye?

   _____
   _____
   _____

4. Kuki ari ngombwa cyane ko dushyira mu bikorwa inyigisho yo guhana kw'itorero nk'uko byanditse mu gice cya 5?

   _____
   _____
   _____

5. Ni gute washyira mu ncamake ndetse ugashyira mu bikorwa igisubizo Pawulo atanga ku kibazo cy'uko barimo kuregana no gutana mu nzu z'imbohe muri Korinto?

   _____
   _____

_____

6. Ni butumwa ki dukura mu nyigisho Pawulo yigishije itorero ry'Ikorinto mu gice cya 3 na 4 cyerekeye ku ruhare n'akamaro k'abari barabayoboye kuri Kristo bakabarera mu rugendo rushya rwo kwizera?

   _____
   _____
   _____

7. Ni gute tugomba gushyira mu bikorwa amagambo yavuzwe na Pawulo mu 1 Abakorinto 6:13 avuga ko imibiri yacu itaremewe imibonano mpuzabitsina ahubwo ni insengero z'Uwiteka?

   _____
   _____
   _____

Igitabo Gifasha Inshako

Igice cya 4
Inyigisho y'Amajwi: Isezerano Rishya #47

Intego: Kumenya inyigisho ya Pawulo ku Rushako.

Kuko nashaka ko abantu bose bamera nkanjye, ariko umutnu wese afite impano ye yahawe n'Imana; umwe ukwe undi ukwe." 1 Abakorinto 7:7

Igice cya 7 cya 1 Abakorinto cyiswe igice cy'urushako cyo muri Bibiliya. Gisubiza ibibazo bitandukanye abanyetorero ry'Ikorinto babwiye Pawulo mu rwandiko bamwandikiye. Bamwandikiye ibibazo by'urushako, kuba ingaragu, ubutane bwa burundu, kongera gushaka, n'imibonano mpuzabitsina mu bashakanye. Mu myaka myinshi cyane iyo abanyetorero babajije abashumba babo ibyerekeye ku kubaka, akenshi abashumba bifashisha iki gice. Muri iki gice tuhabona umugambi w'Imana ku rushako n'ibibazo bitandukanye bijya biba mu ngo z'abubatse.

Iki gice gituma hibazwa ibibazo bikomeye, igikuru muri byo

kikaba ari, “Urushako Imana yishimira ruba rumeze rute?” Iki kibazo gisubizwa muri Matayo 19:6, ahagira hati: “

It is answered by Matthew 19:6: “*Nuko icyo Imana yateranyije hamwe, umuntu ntakagitandukanye*.” Iyo abantu babiri bakijijwe bashyingiwe mu rushako rwera, biyemeza kubana kuko bizera ko Imana ari yo yabahuje. Uku kwemera niko guha urushako rwabo gukomera, atari rwa rupapuro ruvuga ko abo bombi bashyingiwe mu rushako rwera. Bitewe n’ubwinshi by’uburyo bwo guhuza n’amahirwe y’abashakanye muri iyi si, icyemezo cyo gushaka kigomba gushingira ku kuyoborwa n’Imana.

1. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Inama ya Pawulo yerekeye ku rushako yatanzwe igihe abakristo barimo gutotezwa cyane ndetse bafite akababaro kenshi cyane.
2. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Pawulo yahanyije ibyo gushakana.
3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Pawulo ntabwo yari yubatse igihe yandikaga 1 Abakorinto.
4. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Inyigisho za Pawulo zihabanye n’iza Yesu?

Cyeretse nibivugwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe gusa cya buri gisubizo.

5. Dushingiye ku byanditswe na Pawulo, kuki ubusiribateri ari amahitamo meza ku Mukristo?
   a. Kuko imibonano mpuzabitsina itejejwe, ndetse no mu bashakanye, kandi abakristo bagomba kuguma ari abera.
   b. Urushako ni umushinga washyizweho n’abantu ku mamvu yo koroshya ubuzima.
   c. Abasiribateri bahora ari abera kandi baba bishimye kurusha abashatse.
   d. Abasiribateri bashobora kwiyemeza gukorera Umwami nta kibarangaza.
6. Kuki imibonano mpuzabitsina hagati y’umugabo n’umugore bashakanye ari ingenzi?
   a. Imibonano mpuzabitsina mu bashakanye nibwo buryo bwiza cyane bwo kwirinda ubusambanyi.
   b. Impamvu yonyine yatumye Imana irema urushako ni ukororoka.
   c. Abagabo n’abagore bagomba guhatiriza kugira ngo babone ibyifuzo byabo.
   d. Ntabwo ari ingenzi ahubwo ni ibintu birangaza gusa.
7. Ni iki Bibiliya yigisha ku kuramba k’urushako?
   a. Abashakanye bagomba gukomeza kubana kugeza aho bashakiye gutandukana.
   b. Abashaanye bagomba gukomeza kubana ku mpamvu y’abana babyaranye gusa.
   c. Imana yaremye urushako kugira ngo ube umubano uhoraho ibihe byose.

d. Urushako ruzabaho ubudashira, ndetse no mu ijuru.

8. Ni iki Pawulo yategetse iyo umwe mu bashakanye adakijjwe kandi mugenzi we akijijwe?
   a. Uwakijijwe muri bombi agomba gutandukana burundu n'utarakizwa kuko baba batakiri umwe.
   b. Udakijijwe muri bombi agomba gutegekwa gukizwa.
   c. Ukijijwe agomba gusengera udakijijwe ariko we agakomeza kuba uwizerwa, ariko udakijijwe ahisemo gutandukana nawe, ukijijwe agomba kubyemera.
   d. Ukijijwe agomba gukomeza kubaho nk'uko yari abayeho mbere yo gukizwa kugira ngo mugenzi we udakijijwe adakomereka.
9. Ni gute amategeko y'Imana agomba gushyirwa mu bikorwa muri twe?
   a. Uko yanditse- Nta kigomba guhindurwaho.
   b. Arebewe mu ndorerwamo y'urukundo- ugahora ushaka icyagirira neza mugenzi wawe.
   c. Tudakomeje- igihe tubishakiye gusa.
   d. Kuko twakijijwe n'ubuntu kubwo kwizera, amategeko y'Imana ntabwo akitureba. Dufite umudendezo wo gukora icyo twishakiye.
10. Kuki inshako n'imiryango bigira ibitero byinshi?
   a. Urushako n'umuryango ni gahunda y'Imana kandi Satani ahora ashaka guhagarika umugambi w'Imana.
   b. Kuko abantu bakunda kurwana.
   c. Urushako ni ishusho y'urukundo Imana ikunda itorero kandi Satani ahora ashaka kwangiza iyo shusho, kuyanduza ndetse no gusenya iyo shusho.
   d. Kuko umugisha w'Imaa ku itorero ryayo nubwoko bwayo utemba uturuka mu miryango kandi Satani ashaka guhagarika umugisha w'Imana.

Utekereza ko urushako rushimwa n'Imana rwagenewe kumera rute? Indangagaciro z'urushako Bibiliya ivuga zitandukana zite n'izivugwa n'umuco cyangwa amategeko yanyu?

_____

_____

_____

Dushimire Imana kubw'impano y'urushako n'impano y'ubusiribateri. Niba uri ingaragu, saba Imana kugira ngo ikuyobore mu byemezo byo gusahaka ugomba gufata mu minsi iri imbere, ndetse uyisabe kugira ngo igushoboze kuyikorera nta kikurangaza igihe cyose ukiri ingaragu. Niba wubatse, saba Imana kugira ngo ikomeze urushako rwawe ndetse igushoboze kuyikorera no gukorera uwo mwashakanya mu bwizerwa bwuzuye.

Kujya Imuhengeri

1. Ni gute itangiriro ry'igice cya karindwi rigaragaza ahantu ha kabiri Pawulo yakuye ibibazo yagombaga gusubiza cyangwa gukemura muri uru rwandiko?

   _____
   _____
   _____

2. Nk'uko Pawulo atanga ibisubzio bihumetswe n'Umwuka w'Imana byerekeye ku bibazo byo mu nshako bigaragara muri iki gice, yarimo kwandika asubiza ibibazo bari bamubajije mu rwandiko bwamwandikiye. Soma ibisubizo yatanze maze uvuge ibibazo bamubajije ibyo ari byo.

   _____
   _____
   _____

3. Kuki hari ubwo Pawulo yandika ari nta tegeko ry'Umwami afite ariko agatanga igitekerezo ke, nyamara hakagira ubundi avuga ko atari we ubategetse ahubwo ari Umwami? (Soama umurongo wa 10, 12 na 40)

   _____
   _____
   _____

4. Ni gute umurongo wa 26 ari ingenzi cyane ku buryo wasobanura icyatumye Pawulo aha agaciro cyane kuba ingaragu?

   _____
   _____
   _____

5. Iyo urushako rugizwe n'umuntu ukijijwe n'udakijijwe, kuki Pawulo yahaye udakijijwe amahitamo yo kuruvamo cyangwa kurugumamo?

   _____
   _____
   _____

6. Tekereza abantu bashakanye ariko bakaba baratandukanye n'abandi benshi mbere yuko bumva ubutumwa bwiza bagakizwa. Ibyanditswe byo ku mirongo ya 17 na 24 ibavugaho iki, cyane cyane inama isubirwamo inshuro eshatu yuko buri wese agomba kugumana cyangwa kubana nuwo yari kumwe nawe igihe yahamagarwaga cyangwa yakizwaga?

   _____
   _____
   _____

7. Dushingiye ku byanditswe na Pawulo ku busiribateri, mbese ni byiza ko haba abantu b'ingaragu mu mubiri wa Kristo kuko banyuzwe n'ubwo buzima bwo kudashaka ndetse bakaba bashaka gukorera Umwami nta kibarangaza cyane kibananaiza? Sobanura.

   _____
   _____
   _____

Ibintu Byose ku Bantu Bose

Igice cya 5
Isomo ry'Amajwi: Isezerano Rishya #48

Intego: Gusobanukirwa inyigisho za Pawulo ku bintu bikomeye byari mu itorero n'ukuntu yakoresheje amahame y'umudendezo wa Gikristo muri ibyo bintu.

"Ariko mwirinde kugira ngo uwo mudendezo wanyu udahindukira abadakomeye igisitaza na hato." 1 Abakorinto 8:9

"Ntimuzi yuko mu birori abasiganwa biruka bose, ariko ugororerwa akaba umwe? Namwe abe ari ko mwiruka kugira ngo mugororerwe. Umuntu wese arushanwa yirinda muri byose. Abandi bagenzereza batyo kugira ngo bahabwe ikamba ryangirika, naho twebwe tugenzereza dutyo kugira ngo duhabwe iritangirika." —1 Abakorinto 9:24-25

Pawulo yanditse kuva ku gice cya 8 kugeza ku cya 11 kugira ngo akemure ibibazo bitandukanye byari mu Abakorinto. Muri buri kibazo cyose, cyaba ari ikibazo cyari hanze y'itorero nko kuraya ibyatambiwe ibigirwamana, cyangwa ikibazo cyari mu itorero, nko kujya ku igaburo ryera, Pawulo yibanze ku mibanire mu bavadnimwe muri Kristo n''ukuntu abakomeye mu kwizera bagomba gufasha abadakomeye mu kwzera.

Twiga amahame atatu y'umudendezo wa Gikristo muri ibi bice. Twiga ko mu bintu byose, ikintu cya mbere tugomba kwitaho ari ubwza bw'Imana. Icya kabiri twiga ni uko ibikorwa byacu bigomba gushingira ku cyatuma abadakijijwe bakizwa. Icya gatatu, twiga ko inyungu y'abandi ari ingenzi cyane kurusha inyungu yacu bwite. Ingingo ntabwo ari igikwiriye cyangwa ikidakwiriye, uburenganzira bwacu, cyangwa kutagira icyo ukora. Ingingo ni uguhesha Imana icyubahiro, igituma abandi bakizwa, ndetse n'inyungu y'abandi. Iyo dutekereje kuri aya mahame atatu, tubona ko avuga ingingo atuwbira neza mu bindi bice by'uru rwandiko. Ni ingingo y'urukundo.

1. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Hari ibintu byinshi mu kwizera kwa Gikristo bitagamije ikibi cyangwa icyiza ahubwo bigamije gukunda abandi.
2. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Ikibazo cy'uko Umukristo agomba kurya cyangwa kutarya inyama zitambiwe ibigirwamana cyari ingenzi cyane kuko amategeko y'ibyo Umukristo agomba kurya no kutarya ari ingenzi mu Bukristo.
3. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Igikorwa cyo kuramya ibigirwamana cyo muri Korinto cyasaga n'Ubukristo, bivuze ko abizera Kristo bimuriye imirimo yabo ya kera mu kwizera gushya.
4. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Pawulo yashyigikiye umudendezo wo mu mwuka mu bakijijwe kandi yanga kugengwa n'amategeko.
5. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Pawulo yasuzuguraga abagore kandi ntabwo yemeraga ko bangana n'abagabo imbere y'Imana.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

6. Ni iki Pawulo yabwiye abatekerezaga ko ibigirwama nta gaciro bifite ubwo rero no kurya ibyatambiwe ibigirwama nabyo bikaba nta cyo bivuze?
   a. Abakomeye bagomba gucyaha abanyantege nke babahora kubura kumenya.
   b. Abakomeye bagomba kwirengagiza abanyantege nke maze bagakora ibyo bashaka byose.
   c. Abakomeye bagomba kubera abanyantege nke urugero rwiza bagaraza umudendezo wabo.
   d. Abakomeye bagomba kubaha ibitekerezo by'abanyantege nke ntibabagirire nabi.
7. Ni ibihe muri ibi bigaragaza uburyo bwiza bwo kugena imyitwarire myiza (Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose)
   a. Ubwiza bw'Imana
   b. Amahitamo y'umuntu
   c. Ubushake bw'umuntu
   d. Gukizwa kw'abandi
   e. Inyungu y'umuntu ku giti cye
   f. Inyungu cyangwa imibereho myiza y'abandi
   g. Uburengagnzira bw'umuntu
   h. Kwirinda
8. Ni irihe muri aya magambo rikubiyemo imyumvire ya Kristo?
   a. Gura
   b. Bona

c. Tanga
d. Itandukanye

9. Ni iki Pawulo yari ashatse kuvuga ubwo yavugaga ko aba byose ku bantu bose kugira ngo ashobore kubafasha gukizwa?
   a. Yarimo kuvuga ko yakora icyo ari cyo cyose nubwo cyaba kibabaje cyane, cyangwa nacyo kivuze, cyangwa cyuzuyemo ibyaha kugira ngo afashe abantu gukizwa.
   b. Yarimo kuvuga ko yahindura ubutumwa bwe kugira ngo ashobore kubwiriza ibyo ababwiriza bifuza.
   c. Yarimo kuvuga ko aziyoberanya kugira ngo hatazagira umenya ko ari umukristo.
   d. Yarimo kuvuga ko yashyira mu gaciro ibivugwa n'umuco ndetse n'imibanire y'abantu kugira ngo ashobore kubwiriza ubutumwa bwe abagombaga kubwumva.
10. Pawulo yavuze ko ko ari iki mu murimo w'Imana?
   a. Ko ari umugaragu cyangwa imbata ya Yesu Kristo
   b. Ko ari Umuyuda ukunda Imana
   c. Ko yahoze ari Umuyuda
   d. Ko ari umuhanga mu Bukristo
11. Ni buryo ki bubi Abakorinto bakoraga igaburo ryera (Hitamo ibiri byo byose)
   a. Bigizagayo abakene maze ntibazane ibiryo bihagije.
   b. Barifatanyaga n'imihango yo guterekera.
   c. Bajyaga banywa vino nyinshi bagasinda.
   d. Bazaga bafite imyumvire yo kwikunda.
   e. Bajyaga ku igaburo ryera rimwe mu munsi.
12. Tuba dusabana na nde iyo turimo gusangira igaburo ryera?
   a. N'Imana gusa
   b. N'Abandi bakristo gusa
   c. N'Imana n'abandi Bakristo
   d. N'Imana, n'abandi Bakristo, ndetse n'abatizera.

Ubaye wandikira Pawulo ibyerekeye ku bibazo biri mu itorero uyoboye, wamubaza iki? Utekereza ko yashyira ate "itegeko ry'urukundo" mu bikorwa n'amahame y'umudendezo wa Gikristo mu bibazo biri mu itorero ryanyu?

_____

_____

_____

Dushimire Imana kubwo "itegeko ry'urukundo" ritubeshaho n'umudendezo iduha kugira ngo tuyikorere tubohotse. Yisabe kuguha ubwenge bwo gushyira mu bikorwa amahame yayo mu buzima bwawe no mu mibanire yawe n'abandi Bakristo. Saba Imana mbere na mbere ko ikuzuza urukundo rwayo ndetse ihore igushoboza kugirira abandi ineza.

Kujya Imuhengeri

1. Ni bibazo ki dufite mu matorero yacu twasanisha ndetse

twakemurisha ibisubizo bya Pawulo yakemuje ibibazo byo muri Korinto (byanditse mu bice bya 8-11) byerekeye ku byiza n'ibibi by'Abakristo kurya inyama zaterekerejwe ikigirwamana?

_____

_____

_____

2. Umuntu yashyira ate mu bikorwa inyigisho ya Pawulo yerekeye ku kuba icya ngombwa atari kuba ari bibi cyangwa byiza kurya izo nyama ahubwo icya ngombwa ari ugukunda mwene so udakomeye mu kwizera utekereza ko ari bibi kurya izo nyama? (Soma na Abaroma 14)

_____

_____

_____

3. Vuga ndetse uhine ubutumwa dukura mu magambo akomeye Pawulo yavuze mu 9:19-23 agaragaza uko we bwite yashyize mu bikorwa amahame yababwiye mu gice cya 8.

_____

_____

_____

4. Itegereze igice 10:31-33 cyerekeye ku gushumba ubwoko bw'Imana, vuga ndetse ugaragaze amahame atatu agomba kutuyobora iyo turimo gukemura ibyo twakwita "ibibazo bidasobanutse" cyangwa ibiruhije kumenya ko bikwiriye cyangwa bidakwiriye.

_____

_____

_____

5. Ni gute twahina ndetse tugashyira mu bikorwa ibyo Pawulo yigisha mu gice cya 11 cyerekeye ku ruhare n'inshingano z'abagore mu itorero?

_____

_____

_____

6. Ni gute washyira mu bikorwa ubutumwa bugaragarira mu gitekerezo cya Pawulo cy'ibyanditswe by'amateka n'imyirondoro y'abantu byo muri Bibiliya, byo mu 1 Abakorinto 10:11.

_____

_____

_____

7. Hina ndetse ushyire mu bikorwa ubutumwa dukura mu byo Pawulo yigishije ku igaburo ryera mu gice cya 11:23-33 ndetse n'inama ye ikomeye yerekeye ku gutsinda kosywa gukora ibyaha ko mu gice cya 10:12-14.

_____

_____

_____

Akamaro ko Gusigwa

Igice cya 6
Isomo ry'Amajwi: Isezerano Rishya #49

Intego: Kumenya ibyo Pawulo yigishije ku mpano z'Umwuka Wera n'ukuntu umubiri wa Kristo ugomba gukorera hamwe.

"Bene Data, ibyerekeye iby'impano z'Umwuka sinshaka ko mutabimenya...Icyakora hariho impano z'uburyo bwinshi, ariko Umwuka ni umwe. Kandi hariho uburyo bwinshi bwo kugabura iby'Imana, ariko Umwami ni umwe. Hariho n'uburyo bwinshi bwo gukora, ariko Imana ikorera byose muri bose ni imwe." 1 Abakorinto 12:1, 4-6

"Nuko bene Data, mwifuze guhanura, kandi ntimubuze abandi kuvuga indimi zitamenyekana. Ariko byose bikorwe neza uko bikwiriye, no muri gahunda." 1 Corinthians 14:39-40

Nyuma y'igice kirekire cya 1 Abakorinto, igice cya 12 gitangira icyiciro cy'ishyira mu bikorwa ry'uru rwandiko rwa Pawulo. Muri iki gice twigamo amahame abiri ahabanye ariko yunagnirana. Irya mbere, tubonamo ubudasa bw'abizera bafite impano kuko baba ari ingingo zitandukanye z'impano z'Umwuka. Iyo abantu babiri muri twe baba basa ijana ku ijana, bivuze ko umwe muri twe aba adakenewe. Abera bafite impano bo mu itorero bose baba bakenewe. Abantu bagize itorero ntabwo bose baba bafite impano zimwe: bamwe baba ari abigisha, abandi ari abahanuzi, abandi bagenzura; bamwe bagira impano zo kuyobora abandi bakagira impano zo gufasha. Itorero ryuzuye y'Umwuka rigira abantu batandukanye muri ryo bahawe umugisha w'impano zitandukanye, zikoreshwa n'Umwuka Wera.

Igice cya 14 kigaragaza ibiba iyo itorero rimwe risumbishije impano imwe izindi, cyane cyane impano yo kuvuga mu ndimi z'Umwuka Wera. Mu murwa w'Ikorinto, abavugaga mu ndimi z'Umwuka basuzuguraga abatazivuga. Bashyize hejuru iyo mpano nk'igihamya cy'uko umuntu yavutse ubwa kabiri, aho kuyifata nk'imwe mu mpano nyishi zitandukanye Umwuka Wera aha uwakijijwe. Ariko impano zacu z'Umwuka zagenewe gukoreshwa kugira ngo zungure umubiri wa Kristo, aho kuwucamo ibice. Zitangwa kugira ngo zimakaze ubumwe mu budasa bw'impano z'imirimo itandukanye.

1. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Nubwo Abakorinto bari bafite ibibazo byinshi, Pawulo yabise abanyamwuka batoranijwe

n'Imana.

2. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Umwuka Wera aho impano abakijijwe kugira ngo bashobozwa gukora umurimo ndetse bere imbuto.
3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Imana ikora mu buryo butandukanye ikoreshe abantu batandukanye.
4. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Kuvuga mu ndimi z'Umwuka nibyo bigaragaza ko uri Umukristo?

Cyeretse nibihindurwa, nah ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

5. Ni ibihe muri ibi biranga itorero ryuzuye umwuka Wera? (Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose)
   a. Ubwinshi
   b. Ubumwe
   c. Gusa
   d. Gutungana
6. Ni iki muri ibi Pawulo asanisha n'itorero ryuzuye impano z'Umwuka Wera zikoreramo impano nyinshi zitandukanye?
   a. Ukuboko
   b. Umurimo w'imizabibu
   c. Igikorwa cy'ubucuruzi
   d. Umubiri
7. Ni nde Umwuka Wera aha impano?
   a. Buri muntu ukijijwe
   b. Abazimusaba bashishikaye mu masengesho
   c. Abakristo bakuru mu Mwuka
   d. Abitabira amateraniro ya buri cyumweru ndetse bagatanga amaturo menshi.
8. Dushingiye ku byanditswe na Pawulo, tubona ko abavuga mu ndimi z'Umwuka bagomba gufata bate abatazivuga?
   a. Bagomba kureba abatavuga mu ndimi nkaho batari Abakristo.
   b. Bagomba kumenya ko ari abanyamwuka kurusha abataravuga mu ndimi.
   c. Bagomba kwibuka ko abantu bafite impano zitandukanye, kandi nta mpano iruta izindi.
   d. Bagomba kumenya ko kuvuga mu ndimi z'Umwuka ari ikimenyetso cy'ubwana bwo mu mwuka.
9. Ni iki muri ibi kigaragaza uburyo bukwiye bwo kumenya imikorere y'Umwuka?
   a. Kutamenya uko akora kuko ari nta muntu wamenya uko akora.
   b. Kwirengagiza gukora k'Umwuka kuko gukora kwayo kubangamye.
   c. Gusoma ibyanditswe no gushaka ubwenge bw'Umwuka bwerekeye ku mikorere ye.
   d. Kwigana gukora k'Umwuka kugira ngo tugaragaza ko twemewe nawe.
10. Ni iyihe kamere y'Umwuka igomba guhora igaragarira mu gukoresha impano z'Umwuka kwacu?
    a. Ishyaka

b. Urukundo
c. Ubwibone
d. Guhiganwa

11. Ni iki Pawulo aba ashatse kuvuga iyo yavuze gukora ibintu byose “muri gahunda” mu iteraniro ry’abizera?
    a. Amateraniro agomba gukurikira gahunda runaka.
    b. Ubuyobozi bw’itorero bugomba guhora buteguwe mu buryo runaka.
    c. Abantu ntabwo bagomba kuvugira indimi mu materaniro kuko biteza akaduruvayo.
    d. Ibintu byose bigomba mu buryo buri muntu wese yubakwa cyangwa afashwa.
12. Dushingiye ku byanditswe na Pawulo, tubona ko iyo umuntu avugiye indimi z’Umwuka mu iteraniro, agomba kubahiriza ayahe mabwiriza?
    a. Abantu bose bagomba kuvugira icya rimwe.
    b. Umwe gusa cyangwa babiri bagomba kuvuga.
    c. Hagomba kuba usemura izo ndimi muri iryo teraniro.
    d. Bigomba gukorerwa muri gahunda nzinza kandi bigakorwa kugira ngo iteraniro rifashwe cyangwa ryunguke.

Ni buryo ki wabonye ubwoko bw’Imana bukorera hamwe nk’umubiri umwe? Ni mpano ki ufite wemera ko ugomba kuzifashisha umubiri wa Kristo?

_____
_____

Imana ishimwe kubw’umugambi wayo wo gukoresha ubwoko bwayo bwose gufashanya no guha buri muntu wese impano zo gukoresha. Saba Imana igufashe gusobanukirwa no guteza imbere impano yaguhaye.

Kujya Imuhengeri

1. Dushingiye ku gice cya 12, vuga ndetse usobanure itandukaniro riri hagati umurimo w’igitangaza ukorwa n’Umwuka Wera muri twe n’umurimo w’ibitangaza adukoresha.

   _____
   _____
   _____

2. Dushingiye ku Abagalatiya 5:16, tubona ko igihamya ko Umwuka Wera akorera muri twe ari icyo Pawulo yise “imbuto y’Umwuka.” Dushingiye ku gice cya 12, tubona ko igihamya ko Umwuka Wera adukoresha ari iki ndetse ni tuhakura butumwa ki twashyira mu bikorwa?

   _____
   _____
   _____

3. Dushingiye ku mirongo ibanza y’igice cya 12, vuga ndetse usobanure ibinyoma bitanu byerekeye ku mikorere y’Umwuka nk’uko bivugwa na Pawulo.

_____
_____
_____

4. Ni bande batoranijwe n'Imana kugira ngo bahabwe umugisha w'impano z'Umwka Wera? Kuki aya magambo "abo Umwuka w'Imana akoreramo ndetse n'abo akoresha" ari ingenzi?

_____
_____
_____

5. Mbese Imana itanga impano kugira ngo inezeze itorero, abahabwa izo mpano, cyangwa abakijiwe? Sobanura.

_____
_____
_____

6. Ni gute wamenya impano zawe cyangwa iz'undi muntu wakijijwe?

_____
_____
_____

7. Sobanura uko Abakristo bo mu itorero ryanyu bafite impano bagukenye n'uho nabo bagukeneye?

_____
_____
_____

Ishingiro ry'Imbaraga

Igice cya 7
Isomo ry'Amajwi: Isezerano Rishya #50

Intego: Kumenya akamaro k'urukundo n'igituma kuzuka ari ingenzi mu kwizera kwa Gikristo.

"*Urukundo rurihangana rukagira neza, urukundo ntirugira ishyari, ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu, ntirwishimira gukiranirwa kw'abandi, ahubwo rwishimira ukuri, rubabarira byose, rwizera byose, rwiringira byose, rwihanganira byose. Urukundo ntabwo ruzashira. Guhanura kuzarangizwa no kuvuga izindi ndimi kuzagira iherezo, ubwenge nabwo buzakurwaho."* 1 Abakorinto 13:4-8

"Muzi ko nabanje kubaha ibyo nanyge nahawe kumenya, yuko Kristo yapfiriye ibyaha byacu nk'uko byari byaranditswe, agahambwa akazuka ku munsi wa gatatu, nk'uko byari byaranditswe na none, akabonekera Kefa maze akabonekera

abo cumi na babiri, hanyuma akabonekera bene Data basaga magana atanu muri abo benshi baracyariho n'ubu ariko bamwe barasinziriye." 1 Abakorinto 15:3-6.

Pawulo yatanze ibisubizo byinshi by'ibibazo yakemuye mu 1 Abakorinto, ariko igisubizo kimwe yatanze cyakemura buri kibazo Abakristo bose bagira. Icyo gisubizo ni urukundo.

Hari amagambo menshi mu rurimi rw'Ikigiriki avuga urukundo. Ijambo Pawulo akoresha ni ijambo agape. Iri jambo niryo risobanura urukundo Imana idukunda n'uburyo natwe tugomba gukunda abandi iyo twera imbuto y'Umwuka. Biragoye gusobanura uru rukundo, ariko twasobanura ibirugize. Pawulo nibyo akora mu gice cya 13.

Igice cya 15 ni igice cyo muri Bibiliya kivuga ku muzuko. Nubwo aba Bagiriki bo muri Korinto bari Abakristo, umurage w'umuco wabo mu banyabwenge b'Abagiriki wakomeje kugira ingaruka ku mitekerereze yabo, kandi bashidikanyije gukora kw'Imana, cyane cyane kuzuka kwa Kristo ndetse n'ukw'abizera bose. Pawulo yibukije Abakorinto ko kuzuka kwa Yesu Kristo kwari ingingo y'ingenzi mu butumwa yabwirije ndetse bizeye. Ubu nibwo butumwa bwabakijije kandi nibwo bwababereye urufatiro rwo kwizera kwabo kose.

1. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Dushingiye ku byanditswe na Pawulo, tubona ko ari byiza cyane gukoresha impano z'Umwuka kuruta kugaragariza abandi bantu urukundo.
2. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Igihamya ko Umwuka Wera yatumanukiye ni impano z'Umwuka.
3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Ikigaragaza ko Umwuka Wera atuye muri twe ni urukundo.

4. Ni ibihe muri ibi biranga urukundo?

Ishyari	Irari
Ibyiringiro	**Kwihanganira byose**
Kurinda	**Kwihangana**
Kurakara	**Kugira neza**
Ukuri	Kutihangana
Kwiringira	Gushaka ibyarwo
Kwirarira	Kubeshyera
Guhozaho	

Cyeretse nibisabwa, naho ubundi urasabwa guhitamo ikibazo kimwe cya buri kibazo.

5. Agape ni urukundo _____. (Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose)
   a. **Rutakurwaho**
   b. **Rutagira icyo ruca abandi**

c. Rushyira hejuru abandi
d. Rutakumirwa

6. Ni iki muri ibi kigaragaza itandukaniro riba hagati ya agape- urukundo rw'Imana n'urukundo rw'abantu?
   a. Urukundo rw'Imana rushingira ku byiyumviro, ariko urukundo rw'abantu rushingira ku byemezo nyuma gutekereza.
   b. Urukundo rw'Imana ntacyo ruca abo rukunda, ariko urukundo rw'abantu rugira icyo ruca abo rukunda.
   c. Imana ikunda abantu bakeya b'umwihariko bakora imirimo myiza myinshi, ariko abantu bakunda buri muntu wese.
   d. Urukundo rw'Imana ruhora ruhinduka, ariko urukundo rw'abantu rwihanganira byose kandi ruhoraho.
7. Ni gute abantu bafite urukundo rwa agape bafasha abandi kumera neza?
   a. Babona icyiza mu bantu bose.
   b. Babacira urubanza kugeza abantu bahinduye ingeso zabo.
   c. Batageka abandi ko bahinduka.
   d. Batera abantu kwemera ibintu bitari byo ku buzima bwabo.
8. Ni Pawulo aba ashatse kuvuga iyo avuze ngo urukundo ntiruzashira?
   a. Ko Abakristo batananirwa gukunda abandi.
   b. Ko abafite urukundo nyarwo batanirwa gukunda abandi.
   c. Urukundo nyarwo rwa agape ntabwo rwahagarikwa kandi ntiruzashira.
   d. Iyo dukunze abantu, nabo baradukunda.
9. Dushingiye ku byavuzwe na Pawulo, ni iyihe myumvire mikuru muri iyi myumvire y'Umwuka?
   a. Kwizera
   b. Ibyiringiro
   c. Urukundo
   d. Nta yiruta indi. Yose irangana.
10. Ni ibihe bintu bibiri by'ingenzi cyane mu butumwa bwiza? (Hitamo bibiri muri ibi)
    a. Yesu yari umuyobozi w'ingenzi wo mu mwuka.
    b. Yesu yapfiriye ibyaha byacu
    c. Yesu yari umwigisha uzi kwemeza abantu.
    d. Yesu yazutse mu bapfuye.
11. Ibihamya byo kuzuka kwa Yesu bifite buremere ki?
    a. Nta buremere bifite. Abantu bake nibo baketse ko yaba yazutse, ariko nta wigeze amubona.
    b. Bifite uburemere bukeya. Abigishwa be bavuze ko bamubonye nyuma yo kuzuka.
    c. Biraremereye. Hari abandi bantu bakeya biyongeye ku bigishwa be bavuze ko bamubonye nyuma yo kuzuka.
    d. Bifite uburemere bukomeye cyane. Yesu yabonekeye abigishwa be cumi na babiri inshuro nyinshi, ndetse yiyeretse n'abandi bantu benshi barenga 500 icya rimwe.
12. Ni iyihe myemerere ya Gikristo yagoye Abakorinto kuyizera?
    a. Imyemerere ivuga ko buri Mukristo yahabwa impano z'Umwuka.
    b. Imyemerere ivuga ko Abakristo bahabwa ubwenge bw'Imana.
    c. Imyemerere ko hari igihe Abakristo bazazuka mu bapfuye.
    d. Imyemerere ko hari umunsi Yesu azagaruka.

Hari umuntu wari wabona agaragaza urukundo rwa agape mu mibanire ye n'abantu? Niba waramubonye, bitandukanye bite n'ubundi bwoko bwo gukunda? Ni buryo ki wakoresha kugira ngo ugire umuntu ugaragariza urwo rukundo?

_____
_____
_____

Dushimire Imana ko urukundo rwyo rutagira icyo ruca, rutera imbaraga, ruhoraho kandi ntirukumirwa. Senga Imana kugira ngo igushoboze kubona urwo rukundo rwayo buri munsi. Yisabe kugira ngo iguhe amahirwe yo kugaragariza abandi bantu urwo rukundo.

Kujya Imuhengeri

1. Dushingiye ku byavuzwe na Pawulo, ni bintu ki bitanganya gukomera n'urukundo?

   _____
   _____
   _____

2. Kuki urukundo ruruta kwizera n'ibyiringiro?

   _____
   _____
   _____

3. Kuki urukundi ruruta impano z'Umwuka?

   _____
   _____
   _____

4. Kuki mbaye mfite ibintu byose ariko singire urukundo mba ndi ubusa ndetse n'ibyo nkora byose biba ar nta nyungu?

   _____
   _____
   _____

5. Vuga ibintu 15 Pawulo agaragaza mu mirongo ya 4-7 bisobanura urukundo arimo kuvuga.

   _____
   _____
   _____

6. Ni gute wakoresha ibyo bintu igihe ushaka gukunda abantu runaka, nk'abana, ababyeyi, uwo mwashakanye, abandi Bakristo, abatizera Imana, abantu mufitanye umubano wo guhiganwa, ndetse n'abanzi bawe?

   _____
   _____
   _____

7. Ni kintu ki cyonyine kidushoboza gukunda muri ubwo buryo? (Soma 1 Yohana 4:16)

   _____
   _____
   _____

Inshingano y'Umukozi w'Imana

Igice cya 8
Isomo ry'Amajwi: Isezerano Rishya #51

Intego: Gutangira urwandiko rwa kabiri Pawulo yandikiye Abakorinto no kumenya icyatumye yandika uru rwandiko.

"Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishy. Ariko ibyo byose bituruka ku Mana yiyunze natwe ku bwa Kristo, ikaduha umurimo wo kuyunga n'abandi, kuko muri Kristo arimo Imana yiyungiye n'abari mu isi ntiyaba ikibabaraho ibicumuro byabo, kandi noneho yatubikije ijambo ry'umwuzuro. Ni cyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo, ndetse bisa n'aho Imana ibingingira muri twe. Nuko rero, turabahendahenda mu cyimbo cya Kristo kugira ngo mwiyunge n'Imana." 1 Abakorinto 5:17-20

Benshi mu Abakorinto bakiranye ubwuzu urwandiko bohererjwe na Pawulo. Ariko hari abantu bo mu itorero bari batangiye kurwanya umuhamagaro wa Pawulo nk'intumwa, hari n'abavuze ko atazi kuvuga neza, hakaba n'abandi bavuze ko yataye umutwe. Abenshi muri bo bari bararakajwe n'uko atigeze aza kubasura ubwe. Ariko aba bose ntabwo bigeze bahinyuza ingingo Pawulo yanditse muri uru rwandiko kuko Pawulo yari afite ubwenge butahinyuzwa. Ahubwo bahisemo kumutera ibitero we bwite. Maze Pawulo yumvise ibyo bintu, aherako abandikira urwandiko rwa kabiri.

Mu 2 Abakorinto, Pawulo yahamije guhamagarwa kwe nk'intumwa ndetse n'imiterere y'umurimo we. Yasobanuye uko gutotezwa azizwa ubutumwa bwiza byadukomeza nk'abatanga ihumure ry'Imana. Kandi Pawulo yari yaratotejwe cyane.

Yavuze ko umurimo w'Imana ari ubuzima bwa Yesu bukorera muri twe kuduhindura ngo duhamye Kristo uwo ari we. Kandi yavuze ko ubuzima bwe bwose n'imbaraga ze zose byari bishingiye kuri Kristo, wari waramuhaye, hamwe n'abamwizeye bose, umurimo wo kunga abantu n'Imana.

1. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Muri rusange, itorero ry'Ikorintoryakiriye neza urwandiko rwa mbere bandikiwe na Pawulo?
2. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Hari abantu bangaga Pawulo bagatekereza ko ari umunyantege nke, yari umuyobozi mubi, kandi ntabwo yari intumwa nyayo.
3. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Pawulo nta mbaraga nyinshi yakoresheje ahamya guhamagarwa kwe ndetse n'umurimo we.
4. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Igitabo cya 2 Abakorinto kirimo inama nziza nyinshi yandikiye abakora umurimo w'Imana?
5. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Pawulo yavuze ijambo "abera" kuvuga umuntu wese wizera Yesu.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

6. Ingingo nyamukuru y'igitabo cya 2 Abakorinto ni iyihe?
   a. Impano z'Umwuka
   b. Macakubiri yo mu itorero
   c. Ibiranga ndetse n'umurimo w'umukozi w'Imana.
   d. Kugaruka kwa Yesu.
7. Ni nde ukora umurimo w'Imana?
   a. Ni abashumba gusa
   b. Ni abashumba n'abandi bakozi b'urusengero gusa.
   c. Abakristo bakoze amahugurwa yabigenewe gusa.
   d. Abakristo bose.
8. Dushingiye ku byanditswe na Pawulo, tubona ko Imna idutoza ite kugira ngo tube abakozi bayo?
   a. Ikoresha kwigishwa mu ishuro rya Bibiliya cyangwa mu iseminari.
   b. Ikoresha guhishurirwa iduha ikoresheje inzozi n'ubundi buryo bwo kutwiyereka.
   c. Idushyira ahantu twababarizwa ndetse tukabona guhumurizwa nayo kugira ngo natwe duhumurize abandi.
   d. Idutegeka kumara amasaha runaka dusenga, tubwiriza ubutumwa bwiza, tubwira abantu Kristo, ndetse dusoma Bibiliya.
9. Umurimo nyamukuru w'umukozi w'Imana ni uwuhe?
   a. Kuba "impumuro nziza" ya Kristo.
   b. Kubwira abantu uko bagomba kubaho.
   c. Gushimisha abantu n'impano n'ubuhanga mu murimo.
   d. Gukoresha amagambo menshi y'idini cyangwa y'umwuka kugira ngo abantu bamenye ko twakijijwe.
10. Ubuzima bwa Pawulo bwose bwari bushingiye ku ki?
    a. Kuri we bwite
    b. Kuri Yesu
    c. Ku matorero ye
    d. Ku gutotezwa
11. Imana yahaye umurimo ki abayizeye bose?
    a. Umurimo wo kubwiriza no kwigisha?
    b. Umurimo wo kunga Imana n'abantu bazimiye.

c. Umurimo wo kuyobora.
d. Umurimo wo guteza imbere abantu mu mibereho no mu bukungu.

Utekereza ko bivuz wiki kuba umukozi wunga? Ni buryo ki wunzwe n'Imana? Ni buryo ki wagendana umurimo wo kunga abantu n'Imana mu buzima bwawe muri ii gihe?

_____
_____
_____

Imana ishimwe kubw'ihumure ryayo n'umuhamagaro uri mu buzima bwawe. Yisabe kugira ngo iguhumurize mu bikugora byose ndetse igushoboze kumenya umuhamagaro wayo ku buzima bwawe. Yisabe kugira ngo ikwigishe ndetse iguhe amahirwe yo kuba umukozi uyunge n'abantu ugira mu buzima bwawe.

Kujya Imuhengeri

1. Imana yakoresha ite akababaro kuduha ibyadushoboza kuba abakozi b'Imana?

   _____
   _____

_____

2. Vuga ndetse usobanure icyo Pawulo yita umukozi wunga n'ukuntu umuntu yaba uwo mukozi.

   _____
   _____
   _____

3. Wakira ute ndetse ugashyira ute mu ngiro urugero rwa Pawulo aho avuga ko turi inzabya zirimo iby'agaciro?

   _____
   _____
   _____

4. Kuki Imana yemera cyangwa ishyira igitutu cyangwa akabaabro ku rwabya rubmbwe mu ibumba?

   _____
   _____
   _____

5. Dushingiye ku gice cya 5, tubona ko ari iki Imana yahaye iki buri muntu uyizera wunzwe n'Imana binyuze muri Kristo? Ibi bisanishe ni iki kibazo, "ni nde Imana yahaye umurimo wayo?" (Soma Abefeso 4:12)

   _____
   _____
   _____

6. Sanisha ndetse ushyire mu bikorwa iyi mirongo 17-18 na Zaburi 51:10 ndetse na Yohana 3:3-5.

   _____
   _____
   _____

7. Sanisha ndetse ushyire mu ngiro ubutumwa bwo mu murongo wa 21 na Yesaya 53:6 ndetse na 1 Petero 2:24.

Gushyira ahabona k'Umukozi w'Imana

Igice cya 9
Isomo ry'Amajwi: Isezerano Rishya #52

Intego: Kumenya intego n'imbaraga zishoboresha Pawulo mu murimo we, no kumenya uruhare rwacu nk'abakozi b'Imana.

"*Ariko dufite ubwo butunzi mu nzabya z'ibumba, kugira ngo imbaraga zisumba byose zibe iz'Imana zidaturutse kuri twe. Dufite amakuba impande zose ariko ntidukuka imitima, turashobewe ariko ntitwihebye, turarenganywa ariko ntiduhanwa, dukubitwa hasi ariko ntidutsindwa rwose. Tugendana mu mubiri iteka urupfu rwa Yesu, ngo ubugingo bwa Yesu na bwo bugaragarire mu mibiri yacu."* 2 Abakorinto 4:7-10

Urwandiko rwa kabiri Pawulo yandikiye Abakorinto rugamije kugaragaz aumurimo buri Mukristo agomba gukora. Imana yaduhamagariye twese umurimo wo kunga abantu bose nayo. Ariko kugira ngo tuzane abantu mu bwami bw'Imana, ubuzima bwacu bugomba kurangwa no gukorera ibintu mu mucyo no mu kuri. Bigomba kugaragarira bose ko icyiza cyose dufite mu bugingo bwacu twakibonye bitewe na Kristo wadukijije kandi uri mu bugingo bwacu.

Kugira Yesu agaragare muri twe, iteka Imana ituma tunyura mu bintu bitugoye cyane ndetse bitugerageza. Kuko twahawe Umwuka w'Imana twakwitara neza muri ibyo bitugora, mu miraba, no mu bigeragezo, maze abantu bakabona ko dutandukanye n'isi. Isi izabona ko nubwo turi inzabya zibumbwe mu ibumba, twuzuyemo ibyagaciro: Yesu ubwe.

Pawulo yasobanuye umubano we na Kristo mu buryo butatu: na Kristo, muri Kristo kandi bya Kristo. Yesu aduha ibyo dufite byose birimo agakiza n'imigisha yo mu mwuka yose; duhura na we nk'isoko y'ibyo dukenye byose; kandi tumwiyegurira iyo tubaho kubwe no kubw'imigambi ye.

1. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Urwandiko rwa kabiri Pawulo yandikiye Abakorinto yarwandkiye abayobozi bakora umurimo mu itorero.
2. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Pawulo yemeraga ko buri Mukristo wese ari umukozi w'Imana.
3. Ni ukuri cyanga **si ukuri**? Uherye kera cyane, itorero ryashyiraga mu bikorwa ubutumwa bwa Pawulo buvuga ko buri muntu wizera Kristo ni
4. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Abenshi mu bantu bakijijwe,

bagejejwe muri Kristo hakoreshejwe abavugabutumwa babigizi abanyamwuga. .

5. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Abagabo bakuru bonyine nibo bagira umurimo wo kunga.

Cyeretse nibihindurwa naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

6. Ni iki Pawulo yahaye Abakorinto cyahamije guhamagarwa kwe nk'intumwa?
   a. Kwizera kw'Abakorinto yari yarabwirije.
   b. Kuba yari umwigishwa w'izindi ntumwa.
   c. Kuba yarize amategeko y'Abayuda.
   d. Ibitangaza yakoze.
7. Ni iki cyatumaga Pawulo akora umurimo yakoze?
   a. Ubwibone bwe
   b. Umushara munini yahembwaga no kuba yari Intumwa.
   c. Igitutu yotswaga n'umuryango n'inshuti.
   d. Ni umubano we na Kristo- yakijijwe na Kristo, kuba muri Kristo, no gukorera Kristo.
8. Iyo Kristo atwunze n'Imana, nigute tugomba kumwitwaraho?
   a. Tugomba guharanira kubahiriza Amategeko cumi yo mu Isezerano Rishya.
   b. Tugomba gutera imbere mu buryo bwose tukanga kugaragaza intege zacu.
   c. Tugomba kubaho kubwa Kristo ndetse tugafasha abandi kungwa na we.
   d. Tugomba kugaragaza ko turi abera kurusha abandi bose.
9. Pawulo yakoresheje rugero ki gusobanura abakora umurimo w'Imana?
   a. Ubutunzi buhishwe mu butaka.
   b. Urwabya rurimo ubutunzi.
   c. Ikimasa gikurura umutwaro uremereye.
   d. Indogobe ivuga.
10. Ni iki kidushoboza kwihangana ndetse no mu rukundo iyo duhuye n'ibigeragezo ndetse n'ibitgora? (Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose)
    a. Umwuka Wera
    b. Imbaraga zacu
    c. Amahame y'idini akomeye.
    d. Ukuri n'imbaraga z'ijambo ry'Imana.
    e. Intwaro yo gukiranuka kw'Imana.
    f. Ibitekerezo by'abandi bantu
    g. Kwizera.
11. Ni iki Imana ishaka ko tugaragaza mu buzima bwacu?
    a. Ubukiranutsi bwacu
    b. Ubwenge bwacu
    c. Impano zacu
    d. Yesu utuye muri twe
12. Imiraba igira kamaro ki mu buzima bwacu?
    a. Igaragaza ko ubuzima bwa Yesu buturimo burusha

imbaraga imiraba yacu, kandi igaragaza imbaraga ze zo kudukomeza.

b. Iyo Imana itaturinze, imiraba igaragaza ko tutabayeho nk'uko umugambi w'Imana uri.
c. Bigaragaza ko kwizera Yesu kwacu byatsinda ibibazo by'isi.
d. Nta ntego bifite ahubwo ni ibintu biba gusa.

13. Ni iki abantu babona iyo tugendera mu mucyo?
    a. Ko tudatandukanye n'abandi bose.
    b. Ko kwizera kwacu ari irindi dini nk'ayandi yose.
    c. Ko dufite ubutunzi muri twe, ari bwo Yesu Kristo.
    d. Ntacyo, nta wuba utwitayeho.

Imana ntabwo udusaba gushyira Yesu mu migambi yacu ahubwo idusaba kujya mu mugambi w'Imana. Mbese wari washaka kujya mu mugambi w'Imana? Ni buryo ki wagira uruhare mu mugambi w'Imana mu muryango wawe, mu itorero ryawe ndetse no mu isi?

_____
_____
_____

Imana ishimwe kubw'ubutunzi yagushyizemo, ari bwo ubuzima bwa Yesu. Yisabe kugira ngo igushoboze kubaho uvugisha ukuri imbere y'abandi kugira ngo bashbore kubona ubuzima bwa Yesu ufite muri wowe. Senga ngo uko abantu bakubonamo Yesu neza, bamwizere.

Kujya Imuhengeri

1. Uretse urukundo rwa Kristo, ni iki kindi cyashoboje Pawulo gukora umurimo yakoze w'ibitangaza, nk'uko byanditse mu 2 Abakorinto 5:14-6:2?

   _____
   _____
   _____

2. Hashingiwe kuri iyo mirongo y'ibyanditswe, ni bintu ki bitatu byateye ndetse byashoboje Pawulo kuba umumisiyoneri ukomeye cyane kuruta abandi mu mateka y'itorero rya Yesu Kristo? (Soma cyane cyane vv. 14-15)

   _____
   _____
   _____

3. Muri uwo mwandiko, vuga ndetse usobanure uko Pawulo akoresha ijambo, "na Kristo," "muri Kristo" no "kubwa Kristo."

   _____
   _____
   _____

4. Vuga ndetse usobanure uko umurongo wa 16 w'igice cya 4 wabera umugisha ukomeye umukristo umaramaje ariko urwaye kanseri yo mu ibere.

   _____

_____
_____

5. Iyo usomye ndetse ukiga igice cya kane cyose, ese ubona ari ukuri kw'ijambo ry'Imana kwigisha ngo, ubwo umuntu w'imbere arusha agaciro uwo hanze, ubwo gukira kw'imbere ni igitangaza kiruta icyo gukira kw'inyuma? Sobanura igisubizo cyawe.

_____
_____
_____

6. Ni gute umurongo wa 18 w'igice cya 3 wavugurura umubano wawe na Kristo?

_____
_____
_____

7. Washyira ute mu ngiro indangagaciro zihoraho Pawulo agaragaza mu bice bitandatu bya mbere byo muri uru rwandiko?

_____
_____
_____

Gukomera k'Umukozi w'Imana

Igice cya 10

Isomo ry'Amajwi: Isezerano Rishya #53

Intego: Kumenya ibyo Pawulo yakoze ndetse'ukuntu Imana yiyereka ku abakozi bayo n'ukuntu yiyerekanira mu bakozi bayo.

"Kandi kugira ngo ne guterwa kwishyira hejuru kurenze ibikwiriye ni uko nahishuriwe ibikomeye cyane, ni cyo cyatumye mpabwa igishakwe cyo mu mubiri, ari cyo ntumwa ya Satani yo kunkubita ibipfunsi, ngo ne kwishyira hejuru kurenza ibikwiriye. Kuri icyo kintu ninginze Umwami wacu gatatu ngo kimvemo. Ariko arampakanira ati "Ubuntu bwanjye buraguhagije, kuko aho intege nke ziri ari ho imbaraga zanjye zuzura." Nuko nzanezerwa cyane kwirata intege nke zanjye, ngo imbaraga za Kristo zinzeho. Ni cyo gituma ku bwa Kristo nzishimira intege nke zanjye no guhemurwa, nzishimira n'imibabaro no kurenganywa n'ibyago. Kuko iyo mbaye

umunyantege nke ari ho ndushaho kugira imbaraga.” 2 Corinthians 12:7-10

Biragoye kuba wasobanukirwa ubuzima bwa Pawulo wirengagije ibyo yanyuzemo n’ibyo yakoze. Icyiyongeye kubyo yanyuzemo mbere yuko aba Umukristo, yahuye na Yesu mu nzira ajya i Damasiko, yigishijwe na Yesu mu butayu bwa Arabiya kandi ajyanwa mu ijuru maze ihabwa amerekwa atasobanurwa n’amagambo. Ibyo Pawulo yaboneye mu ijuru byasize ikimenyetso gikomeye cyane mu buzima bwe. Uhereye icyo gihe bisa naho yahozaga ikirenge kimwe mu ijuru ikindi kikaba mu isi. Yahoraga avuga kuva mu isi akajya kwibanira na Kristo, akavuga ko ubuzima bwe ku isi nta gaciro buhwanijwe n’ubwiza bwo kwibanira na Kristo mu ijuru. Ibyo bintu byamubayeho byahinduye uko abona ubuzima asnagiye n’abandi.

Pawulo yabwiye Abakorinto ko yahawe “ihwa cyangwa igishakwe” mu mubiri we, cyari intumwa ya Satani yo guhora imubabaza ndetse imubuza amahoro. Nta muntu uzi iki gishakwe icyo ari cyo, ariko biragaragara ko Imana yemeye ndetse igikoresha gucisha bugifi Pawulo ndetse no gukoresha intege nke za Pawulo kugaragaza imbaraga zayo. Imana ikunda kugaragariza gukomera kwayo mu ntege nke zacu. Imana ikoresha intege nke zacu kutugaragariza ndetse no kugaragariza abandi yuko ubuzima bwacu muri yo butabeshwaho n’abo cyangwa icyo turi cyo, ahubwo bubeshwaho n’uwo ndetse n’icyo iri cyo. Ntabwo dukorera Imana dushingiye ku bushobozi bwacu ahubwo ku byo Imana yadukoresha.

1. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Pawulo yirase imbaraga ze kuko yirataga impano yahawe n’Imana.
2. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Pawulo yatumwe mu Banyamahanga.
3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Pawulo yahuye na Yesu wazute mu nzira ajya i Damasiko no muri Arabiya.
4. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Pawulo yamaze imyaka itatu muri Arabiya mbere yuko atangira umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

5. Ni nde watumye Pawulo kuba intumwa?

a. Yakobo
b. Petero
c. Yesu
d. Ntawe

6. Pawulo yeretswe ate ibyo yeretswe byose?
   a. Yamaraga amasaha menshi atekera.
   b. Umwami niwe wamweretse ibintu bitangaje.
   c. Yasomye ibitambo byanditswe na Yakobo na Yakobo.
   d. Akora ibikorwa bikabije byo kwibabaza.
7. Dushingiye ku byavuzwe na Pawulo, tubona ko ari ryari tuzaba ahantu ho mu ijuru?
   a. Iyo twitoje kuba abakiranutsi cyane.
   b. Iyo twakoze ingendo dini zihagije kugira ngo dushimwe n'Imana.
   c. Bizaba ari uko dupfuye.
   d. Ubu turi mu ijuru, nubwo tukiri ku isi.
8. Kuki Imana itakuye igishakwe mu mubiri wa Pawulo? (Hitamo ibyo ubona byose ko ari ibisubizo)
   a. Kuko Pawulo atigeze asengana kwizera guhagije.
   b. Kuko Pawulo yacumuye maze akenera guhanwa.
   c. Kurinda Pawulo ubwibone yaterwa n'ibintu bikomeye yeretswe.
   d. Kugiara Imana igaragarize imbaraga zayo mu ntege nke za Pawulo.
   e. Gushoboza Pawulo kubeshwaho n'Umwuka kugira ngo atishingikiriza kamere.
9. Imana iduha ntwaro ki zadufasha kurwana intambara zacu zo mu mwuka?
   a. Ubwenge bumwe nk'ubwo iha buri kiremwa muntu.
   b. Intwaro z'umwuka zikomeye cyane nka gusenga no kwizera.
   c. Indirimbo, Zaburi n'ibimbano bihishwe by'umwuka.
   d. Ntazo, kuko iyo dufite ukwizera, nta ntambara twagira.
10. Ni iki muri ibi gisobanura neza uko Pawulo yafataga Abakorinto?
    a. Yagiraga amaranga mutima menshi maze abakingurira umutima we.
    b. Yakomeje kwigira kure yabo maze ntiyabagaragariza ibyiyumviro bye.
    c. Yakoresheje ubuhanga bwinshi kuko kwizera ari ibintu byo mu mutwe gusa.
    d. Yabagiriye umushiha mwinshi maze arabanga burundu.
11. Ni bintu ki Pawulo yibagiwe maze akabyirinda cyane?
    a. Ibyamubereyeho mu nzira ajya i Damasiko.
    b. Ibyamubereyeho mu butayu bwa Arabiya.
    c. Igikorwa cyo kujyanwa mu ijuru n'ibyo yaherekewe.
    d. Nta na kimwe.

Ni izihe ntege nke ugira mu buzima bwawe? Utekereza ko Imana yakoresha buryo ki ngo yigaragarize mu ntege nke zawe? Mbese intege nke zawe zigufasha zite kwishingikiriza ku mbaraga z'Imana aho kwiringira kamere yawe?

_____

_____

_____

Imana ishimwe ko ihura natwe maze ikatwihishurira mu buryo butandukanye mu bihe btandukanye. Yisabe kugira ngo ikomeze kuguha ibisabwa kugira ngo urusheho kuba umukozi wayo ukora neza. Yishimire kubw'intege nke zawe n'imbaraga zayo, maze uyihe intege nke zawe n'imbaraga zawe kugira ngo ibikoreshe uko ishaka maze yiyerekanire muri wowe.

Kujya Imuhengeri

1. Dushingiye ku 2 Abakorinto 12:7-10, tubona ari iki cyatumye Pawulo ahabwa igishakwe mu mubiri we?

   _____
   _____
   _____

2. Isanishe ndetse uvuge uko washyira mu ngiro ibisubizo Pawulo yahawe ubwo yabwirwaga ngo, "Ubuntu bwange buraguhagije," na "kuko aho intege nke ziri ari ho imbaraga zange zuzura," (umurogo wa 9), ubwo Imana yamubwiraga ko itari bumukize igishakwe.

   _____
   _____

3. Ni bintu ki byagaragaraga Pawulo yabanye na byo buri munsi bitewe n'igishakwe cyari mu mubiri we? (Soma 1 Abakorinto 2:1-5; Abagalatiya 4:13-15)

   _____
   _____
   _____

4. Ni butumwa ki ukura mu kuba Pawulo yarahakaniwe n'Imana inshuro eshatu, maze ntiyemere gusa izo mbogamizi ahubwo akazishimira? (Soma 2 Abakorinto 9:8; Abaroma 5: 2-5)

   _____
   _____
   _____

5. Wasobanura ute kandi ni butumwa ki ukura mu byo kujya kwa Pawulo mu ijuru ndetse wabisanisha ute n'ishimangirwa ryo mu rwandiko yandikiye Abefeso aho agira ati, "ahantu ho mu ijuru," aho yigisha avuga ko ubu twaba mu isi yo mu ijuru nubwo tukiri ku isi? (Bigereranye na Yohana 3: 12-13)

   _____
   _____
   _____

6. Utekereza ko Imana yakoresha ite intege nke zawe kugira ngo yerekane imbaraga zayo?

   _____
   _____
   _____

7. Ibi wabigereranya ute n'urugero rukomeye rwatanzwe na Yesu agira ati: kuko turi amashami amuriho, ari we Muzabibu wacu, kugira ngo dushobore kurushaho kwera

imbuto, hari ubwo Se atwaganyaho amahagi kugira ngo dushobore kwere imbuto nziza ndetse nyinshi cyane?

_____

_____

_____

Ubuntu bwo Gutanga

Igice cya 11
Isomo ry'Amajwi: Isezerano Rishya #54

Intego: Gusobanukirwa inyigisho Pawulo yigishije ku busonga bwa Gikristo.

"Ariko ndavuga ibi ngo, 'Ubiba nke azasarura bike, naho ubiba nyinshi, azasarura byinshi.' Umuntu wese atange nk'uko abigambiriye mu mutima we, atinuba kandi adahatwa, kuko Imana ikunda utanga anezerewe. Kandi rero Imana ishobora kubasazaho ubuntu bwose, kugira ngo murusheho gukora ibyiza byose, mufite ibibahagije muri byose." 2 Abakorinto 9:6-8

Mu 2 Abakorinto 8-9, Pawulo yandika avuga ituro yarimo gukusanyiriza abera b'i Yerusalemu barimo gutotezwa maze asaba Abakorinto gutanga inkunga. Yababwiye ukuntu Abafilipi bitanga, kandi yari i Filipi igihe yabandikiraga kuko bari urugero rwiza cyane rwo gutanga ndetse n'ubwizerwa bwo kwita kub'Imana. Iyo Pawulo asobanura ukuntu Abafilipi ari abizerwa mu kwita kuby'Imana, aduha inyigisho nziza cyane itwigisha ubwizerwa bwo kurinda iby'Imana.

Ntabwo Pawulo yigeze ahata cyangwa abeshya abantu ngo batange ituro ahubwo yashakaga ko batanga bashingiye ku kuntu barimo kuyoborwa n'Umwami. Ni ingenzi cyane ko amaturo dutura Imana tuyiyatura ku bushake. Dutanga kuko dukunda Imana, kuko dushimira ibyo yadukoreye, kandi kuko twuzuye umunezero maze tugashaka kuyitura. Imana ntabwo yemera amaturo yacu ishingiye ku bwinshi cyane ubunini bwayo, ahubwo ishingira ku mpamvu ituma dutanga. Abafilipi baritanze cyane nubwo bari abakene. Pawulo yavuze ko gutanga ari "Ubuntu" kuko dushobozwa gutanga n'imbaraga z'Imana kandi bizana umugisha mu bugingo bwacu. Imana yishimira ubwitange bwacu idukemurira ibyo dukennye.

1. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Pawulo yasabye Abakristo kudasa n'abatizera ndetse no kutagirana igihango nabo.
2. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Pawulo yagerageje guhumuriza Abakorinto kuko amagambo yo mu rwandiko rwa mbere yabandikiye yari yabateye agahinda.
3. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Amafaranga ntacyo ahuriyeho n'ubuzima bwacu bwo mu mwuka, kandi Abakristo ntibagomba kuyitaho.
4. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Pawulo yandikiye Abakorinto ngo bitange kuko yashakaga amafaranga yo kwikemurira ibibazo bye bwite.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi murasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

5. Ni iki cyatumye Pawulo yasabye amatorero yashinze ngo ature ituro?
   a. Gufasha Abakristo b'Abayuda barimo kutoterezwa i Yerusalemu.
   b. Kugira ngo ahe ruswa ubuyobozi bw'Abaroma bwayisabaga Abakristo.
   c. Kugira ngo yubake urusengero rw'Abakristo i Yerusalemu iruhande rw'urusengero rw'Abayuda.
   d. Gushyigikira umurimo we wo kwandika ibitabo byo mu Isezerano Rishya yanditse.

6. Ni torero ki Pawulo yatanzeho urugero rwo gutangana umugambi mwiza?
   a. Itorero ry'i Yerusalemu
   b. Itorero ry'i Filipi (cyangwa Masedoniya)
   c. Itorero ry'i Roma.
   d. Itorero ry'i Galatiya.
7. Dushingiye ku byanditswe na Pawulo, ni myumvire ki ndetse ni migambi iki dukwiriye kugira turimo dutura ituro

ryo gufasha umurimo w'Imana? (Hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byose)

a. Umunezero
b. Gucirwa urubanza mu mutima
c. Kuko ari itegeko
d. Urukundo
e. Gushimisha abandi
f. Kwigana abandi
g. Umutima wishimye
h. Kubona igikundiro cy'Imana.
i. Guha Imana ruswa ngo isubize amasengesho yawe
j. Gushimira

8. Pawulo yavuze iki ku babiba banyanyagiza?
   a. Ko bazahabwa imyanya y'icyubahiro mu ijuru.
   b. Ko bazaba abakene igihe cyo kubaho cyabo cyose.
   c. Ko bazasarura bynishi.
   d. Ko ari ngombwa ko bazagira ubutunzi bwinshi.
9. Ni ikihe muri ibi gisobanura neza uko Pawulo yigishije gutanga no kuba igisonga cy'iby'Imana?
   a. Guhata abantu gutanga.
   b. Gutera abantu ipfunwe ryo kudatanga.
   c. Gusezeranya abatanze umugisha runaka.
   d. Gusobanurira abatangana umugambi mwiza umugisha n'inyungu zo gutanga.
10. Dushingiye ku byanditswe na Pawulo, tubona ko ari nde ugomba gutanga ashyira mu murimo w'Imana?
    a. Abatunzi gusa.
    b. Abakene bashaka gutunga.
    c. Abagomba gutura Imana igitambo cy'ibyaha byabo.
    d. Abashobora gutangana urukundo, gushima, n'umutima unezerewe.
11. Ni turo ki cyangwa mpano ki Imana yishimira cyane kurusha izindi yose?
    a. Impano nini zitanzwe n'abatunzi.
    b. Impano z'ubwitange zitanganywe umugambi muzima.
    c. Impano zo gushyigikira ibikorwa by'umwuka atari iby'umubiri.
    d. Impano zitaduhenze na mba.

Iyo utuye Imana ituro kugira ngo rifashe umurimo wayo, ubiterwa ni iki? Utekereza ko ari iki gituma Imana ishaka ko dutanga tubitewe n'urukundo no gushima aho kubiterwa n'itegeko no gucirwa urubanza mu mutima? Kuki ari ngombwa ko impano zitangwa ku bushake? Ni buryo utekereza ko Imana yakwakira ubwitange bwawe?

_____

_____

_____

Imana ishimwe kubw'iyi nyigisho dukura mu itorero ry'i Korinto. Tuyishimire ko yaduhaye ubuntu bwayo ndetse ikaba yaraduhaye imigisha myinshi cyane. Yisabe kugushoboze kuyitura ufite umutima unezerewe, kandi uyisabe kukwereka uko wayigaragariza ko uyikunda.

Kujya Imuhengeri

1. Ni butumwa ki wakura mu 2 Abakorinto 9:8 ndetse ukabushyira mu bikorwa, ahavuga ko Imana ishoboye kukugwizaho ubuntu bwayo?

   _____
   _____
   _____

2. Pawulo atanga amasezerano angahe muri uyu murongo yerekeye ku buntu Imana yaguha?

   _____
   _____
   _____

3. What is the specific area of work or ministry to which Paul was applying this most superlative verse in the Bible about the grace of God?

   _____
   _____
   _____

4. Iyo Pawulo avuga kwitanga kw'Abafilipi agira ngo ahige Abakorinto, ni bintu ki agaragaza byaranze gutanga kw'itorero ry'i Filipi, wabishyire ute mu bikorwa mu buzima bwawe? (Soam 2 Abakorinto, igice cya 8 na 9)

   _____
   _____
   _____

5. Vuga ndetse usobanure zimwe mu mpamvu zateye Pawulo kutemera inkunga z'amatorero y'i Korinto, Efeso n'ayandi, ahubwo akemera inkunga iturutse mu itorero ry'i Filipi.

   _____
   _____
   _____

6. Sobanura ukuri kuvuga ko Imana ikunda umuntu utanga anezerewe.

   _____
   _____
   _____

7. Tanga ibitekerezo byawe ku byo Pawulo yavuze mu gice cya 6:14-18 ku kutifatanya n'abatizera mu rushako, mu bufatanye bw'ubucuruzi n'ibindi bintu byinshi?

   _____
   _____
   _____